f.c.

P36/32A

1

K0165424

| | |
|---|---|
| *Identification* | *: C.31/K95 014/01/94 0153* |
| *Durée* | *: 60 Minutes* |
| *Qualité* | *: Bonne* |
| *Transmission* | *: RTLM* |
| *Nom du transcripteur* | *: UWAMAHORO M.Vianney* |
| *Date de la transcription* | *: Le 11-12/05/2000* |
| *Nom du fichier* | *: 0153.wpd* |
| *Dictaphone* | *: Sanyo* |

*Modèle* *TRC-8080*
*Série* *P8806620*

ICTR-99-52-T
PROS. EXH. P36/32A
TENDERED ON 20.3.2002
PW43: RUZINDANA

**FACE A :**

* Noël annonce un communiqué des Tutsis qui sont contre le FPR parce que ce dernier veut semer la segrégation ethnique au Rwanda.

* Critique et questions sur le message du premier ministre madame Uwiringiyimana Agathe.

* (la partie qui reste n'a pas d'enregistrement).

**FACE B:**

(pas d'enregistrement).

**Face A**

*Orateur : Noheli HITIMANA, journaliste à la RTLM.*

... ni mpaka kumvikana, ni mpaka imishyikirano, ni mpaka imishyikirano, uburyarya bwo ni bwose, bwo ni bwose, bwo ni bwose rwose uburyarya ni bwose, bwose, abanywa amata bayanywe n'abanywa ka byeri bakanywe twese muri uru Rwanda ni urwacu nta wuheje undi kubera ko binjiyemo kandi barimo, nta n'ukuntu twabigenza, nta kundi byagenda turi kumwe ariko twumvikanye uburyarya bwo ni bwose! (un peu de musique)

.... bavuga bati "rwose biriya bintu Inkotanyi zidukorera ntitubyemeye" bati "bavutse ari Inyenzi, baba Inyenzi, baba Inyenzi, none barashaka kugira ngo n'amahoro twari twifitiye hano mu Rwanda bagere aho bayatuvutse", bati "reka rero twebwe twandike itangazo rihite kuri Radio RTLM muridusomere abo bantu baduhe amahoro iby'Inkotanyi ntabwo ari iby'Abatutsi, na Kanyarengwe ntabwo ari Umututsi ni n'Umuhutu". Hu..! Iby'Inkotanyi ntabwo ari iby'Abatutsi, mbisubiremo na KANYARENGWE na RIZINDE na BISERUKA n'abandi ni Abahutu ntabwo ari Abatutsi, hu..! Abatutsi rero bakavuga bati "biriya bintu by'Inkotanyi mbere bari Inyenzi, babonye bahuye na Bakanyarengwe biti..biyita Inkotanyi", bati "rero o..iyo Koperative yabo ntabwo Abatutsi bo mu Rwanda rwose bayirimo bo bafite uko ba... bari bazi n'uko baramuka, bazi n'uko barara ntabwo bashaka ayo mahane".

Reka mbasomere rero ukuntu iryo tangazo ryatugezeho ejo, ndisubiremo : "Abatutsi bo mu ishyaka rya M... (inaudible) ritahwemye gukangisha Abanyarwanda ngo irabashakira demukarasi, ibyo FPR imaze gukorera iki gihugu cyacu, nta wabisubiramo kuva bitwa Inyenzi kugeza ubu bakaba barabatijwe ngo ni Inkotanyi. None rero ikiduteye gushyira iri tangazo ahagaragara ni uko FPR yagiye ikunda kubeshya Abanyarwanda itaretse n'aba..n'abanyamahanga ko ngo ntivangura amoko. Ariko twababajwe no kumva Inkotanyi zifata umugabo witwa NGEZE Hasani zikamubwira ko zimwica niziramuka zumvise ko hari Umututsi waguye mu myigaragambyo ku wa gatandatu tariki ya munani Mutarama muri uyu mwana zikamugira ingwate kumara amasaha atatu yose. Abatutsi

bari mu ishyaka MRND cyane cyane abari mu mugi wa Kigali twibajije niba FPR yarashatse kwereka Abanyarwanda cyangwa amahanga ko yaje kurengera Abatutsi bonyine nkaho amategeko iki gihugu kigenderaho mu Rwanda ataturengera kimwe twese Abanyarwanda. Ubwo se bashatse kwereka cyangwa kumvisha Abanyarwanda ko Umututsi wese uri mu Rwanda ari Inyenzi Inkotanyi? Turabiyamye rero? Be gukomeza... kuduteranya n'Abahutu, n'Abatwa twabanye kuva kera muri iki gihugu twari tumaze guteza imbeze biturutse ku isabana ry'amoko ryari rimaze gushimangirwa na politike y'ubumwe ya Nyakubahwa Perezida HABYARIMANA Yuvenali dukomeje kwizera Abanyarwanda bose bashyira mu gaciro turamushyigikiye.

Abatutsi, Abatutsi dukunda Repubulika na demokarasi isesuye hatarimo uburiganya, dukomeje rero kwamagana ibyo byose byerekeranye na politike idahwitse izo Nkotanyi zishaka kuturohamo, tukaba dubasaba gushyira mu gaciro bakamenya kandi ko ubwumvikane n'ubwiyunge bw'Abanyarwanda ari byo byonyine bizatugarurira amahoro kuri twese, bikatugeza kuri demukarasi nyakuri twifuza ishingiye ku matora, ku matora".

Abashyize umukono kuri iri tangazo, mbasubiremo ni NKUSI Pierre, NDAHIRO Jean Baptiste, NKUSI Jean Marie Robert, KAMANZI Olivier, ISHIMWE Evelyne, MUKESHIMANA Marie, KAYISHEMA Dativa, MANIRABARUTA Marie Claire, KAYITENGERWA Immaculée, RUTAYISIRE Gabriel, NDAYISABA Antoine, KAREGEYA Félicien, KARIGIRWA Donata, BITOTORI Jean Nepomuscène, MUVUNYI Gaspard, RWAKAYIRO Anastase, KAYISIRE Emmanuel, UMUTERAMBABAZI Espérance, KAYUMBA Pierre Claver, MUTETELI Marie Louise, MUKAKIGELI Edite, SERUKA Bonnaventure, RUZINDANA François, KARASIRA Jean de Dieu na BAMUREKE Clémentine. Bamureke koko, bamureke avuge icyo ashaka kandi avugishe ukuri, BAMUREKE Clémentine.

Nshuti mwumva radio yanyu Radio RTLM rero "ukuri kunyura mu ziko ntigushye". Aho kuyobya abantu bazi ubwenge na bo barababwiraga bati "mutureke tube mu mahoro muri iki gihugu. Bakivukiyemo amateka yacyo barayi... barayazi, abavukiye hanze y'iki gihugu bitonde bakinjiremo

gahoro, gahoro bamenye amateka yacyo niba barabigishije nabi iyo bagiye bamwe (arahigimye) simbizi, nigeze kujya i Burayi mara imyaka ibiri ngarutse ndeba Kigali iranyoboera. Na bo ikibi, nanjye byigeze kumbaho, huu..! Nagiye... nabaye mu Bufaransa imyaka ibiri ngarutse i Kigali Kigali iranyobera. A... ha! Ni ukwitonda rero cyane cyane umuntu umaze imyaka nka mirongo itatu hanze aba... bakamubwira ngo Kigali ! Ukuntu bayimubwiraga ntago ari ko bimeze! Hi...! Nareba Noheli tuzaseka dusangira kandi bamubwiraga ngo Noheli ni umugome, ntibishoboka! Hein... wagoma ukagomera nde se? Dufite... saa tanu n'iminota makumyabiri n'i... (interruption)

...tudashyushya imitwe, hari (aseka) hari abantu baduterefona bavuga ngo "none se ko mudushyushya imitwe"? Njye hari uwanterefonnye arambwira ati... ati... "Noheli", ati "njye ndi Umututsi", ati "iyo Radio yanyu" ati "rwose ko... Abatutsi ko mudushyushya imitwe"? Ndamubwira nti ese kuri Umututsi, hi... ntabwo wumva Radio Muhabura? Hi... Nti ese ko nta Muhutu uraterefona abwira Radio Muhubura ko imushyushya umutwe? Hii ! Nti... rwose ntabwo wumva Radio Muha...? Ati "ndayumva na yo"? Hi, wumva na RTLM? Ati "na yo ndayumva". E...? Ee. Nti tujye twumvikana rero ikinshimisha ni kimwe ari Abahutu ari Abatutsi Radio RTLM bose barayumva, hein! Iyo bayumva rero biba ari sawa, biba mahwi rwose, bajye bayumva ahubwo bamenye kuduha critique, nk'uyu mugabo ugiye ku... kutubwira ibyo yumvise mvugana na GAHIGI, uyu mugabo nyine agiye kuvuga uko we abyumvise n'icyo abitekerezaho. Mwumve uwo mugabo ndetse mumwumve, uga... ibyo tuvuze na GAHIGI uko yabitekereje.

***Orateur*** : ***MUTANGANA Evariste***

Oui.

***Orateur*** : ***GAHIGI Gaspard, Rédacteur en chef de la RTLM.***

E... bite?

- E... ni byiza.

- E... witwa nde se ?

- Nitwa MUTANGANA Evariste.
- Ee...

- Hum.

- Ni kuri RTLM rero ngaho baza ikibazo cyawe.

- Ee... bon nari ndimo nkurikirana commentaire wakoraga kuri déclaration Premier Ministre yaraye akoze,

- Hu..

- Nanjye zituma nibaza... ikibazo...

- Ee...

- Nkaba nshaka ko mwebwe mwakimutubariza kuko mufite radio.

- E... ubwo ukibajije kuri radio na we aracyumva.

- Ahan...

- E... kibaze rero.

- Yaraye avuze ko muri déclaration ye abaturage ubu ngubu barimo bicwa n'inzara...

K0165430

- Huu.

- Ko nta mutekano bafite, ...

- Huu.

- Ko mbese nta na Gouvernement iriho.

- Hum.

- Ko iriho ategeka ishinzwe kwegisipediya les affaires courantes.

- Hum.

- Nagira ngo mumutubarize ikibazo cya mbere niba biriya bintu bashakaga gukora byo gukora coup d'état, byo gushyiraho izi Nzego z'Inzibacyuho,

- Uu..

- Assemblée Nationale na Gouvernement...

- Uu...

- Ari affaires courantes?

- C'est ça.

- Hii. cya kabiri, mukamutubariza niba Gouvernement idashobora kugaburira abaturage,

K0165431

- Hum.

- Ngo yasire umutekano wabo,

- Him.

- Iyo Gouvernement ko mission ya mbere ya Gouvernement ari ukwasira umutekano w'abaturage imaze iki? ikora iki? Ubwo iracyakora yavuyeho?

- Hum.

- Ni ibyo gusa.

- Yee.

- Hum.

- Ubwo na we araza kubyumva...

- Ee...

- Tugiye kumwibariza mu mwanya, mu mwanya, mu mwanya.

- E.. murakoze.

- Ok, merci.

***Orateur : Noheli HITIMANA, Journaliste à la RTLM.*** K0165432

... les affaires courantes, ni ukuvuga ko akora imirimo yihutirwa adakora imirimo isanzwe ya... Ministre w'Intebe ndetse ko na Gouvernement ayobora itakiri Gouvernement ikora imirimo nyine nk'uko yafata ibyemezo. Ati "iyo Gouvernement nta byemezo igifata yasira (assurer) les affaires courantes". Niba rero no kwandikira Perezida wa Repubulika ngo ajye kurahiza abantu babe... hum, barahire bategeke iyi Nzibacyuho Yaguye niba na byo abyita affaires courantes azajye kwiga politique, azarebe ahantu ajya kwigira politique ayige amenye icyo bita les affaires courantes, icyo bita gufata ibyemezo. Azagende abyige rwose ni ibintu byoroshe, hari uwavuze ati "Agata uwamubabarira yamwihera bourse akigira mu mashuri agakomeza", hum! Mu kanya hari ahantu numvise avuga... (arimyoje) amakosa y'igifaransa yewe nanjye nayakora ariko njye si ndi Premier Ministre! Njyewe ndi Noheli, ndi uko ndi, ndi uko ngana, ndi uko mpima, ndi uko meze. Ariko rero ha, ha, iyo umuntu yihandagaje" akajya ku... ku Karubanda, nzi neza ko yigishije i Butare azamenye ku Karubanda aho ari ho. Ku Karubanda ni ku Karubanda. Mu minota cumi n'ibiri turaba dufite i saa sita reka mbagezeho amatangazo (interruption).
(Il n'y a pas d'enregistrement sur la partie qui reste)

***<u>FACE B</u>***

(pas d'enregistrement)